**REPUBULIKAY'U RWANDA**

**INTEKO Y'UMUCO**

# RAPORO Y'UBUKANGURAMBAGA KU MAKOSA Y'IMIVUGIRE N'IMYANDIKIRE

**Igihembwe cya gatatu: Mutarama – Werurwe 2022**

*Kasha imvugo & Noza imyandikire*

*Raporo ku makosa y'imivugire n'imyandikire y'Ikinyarwanda y'igihembwe cya gatatu yateguwe ikurikije ibyagaragaye mu mvugo no mu nyandiko bitaboneye. Ni raporo ikorwa mu rwego rw'ibikorwa by'Inteko y'Umuco bigamije gufasha Abanyarwanda n'abandi bakoresha Ikinyarwanda muri rusange, by'umwihariko abari mu itangazamakuru kwihugura no gukangukira gukoresha neza Ikinyarwanda. Igaruka ku makosa akunze kugaragara mu mikoreshereze y'Ikinyarwanda mu mvugo no mu nyandiko. Mu mvugo, raporo yibanda ku mikoreshereze y'ururimi ishyoma, mu nyandiko ikibanda ku myandikire itandukanye n'iyemewe mu Kinyarwanda.*

**Intangiriro**

Raporo y'ubukangurambaga ku makosa y'imivugire n'imyandikire ni inyandiko isobanura amakosa yabonetse mu myandikire y'Ikinyarwanda no mu mivugire y'abakoresha Ikinyarwanda muri rusange. Igaragaza ubwoko bw'amakosa yagaragaye, igasobanura impamvu ari amakosa mu Kinyarwanda kiboneye, hanyuma ikerekana imikoreshereze y'Ikinyarwanda ikwiye mu mwanya w'ahagaragaye amakosa. Raporo itanga ingero z'interuro zagaragayemo amakosa kugira ngo uyisoma arusheho gusobanukirwa n'ingingo yasobanuwe.

Raporo y'ubukangurambaga ku makosa y'imyandikire n'ay'imivugire ni ingirakamaro kuko ari mfashanyigisho yifashishwa mu kuboneza Ikinyarwanda. Iyi nyandiko izafasha gukomeza guhugura abantu mu Kinyarwanda, hagendewe ku byayigaragajwemo n'ingero z'imvugo n'imyandikire ikwiye.

Iyi raporo ni nyandiko ishobora kwifashishwa na buri wese wifuza kuboneza Ikinyarwanda cyangwa uwifuza gufasha abandi muri urwo rwego. Uretse itangazamakuru igezwaho, inzego zindi zaba iza Leta cyangwa izigenga zishaka kwirinda amakosa y'imivugire n'imyandikire zayifashisha. Ni raporo yafasha cyane abarezi n'abanditsi mu mirimo yabo, kuko ikozwe mu buryo bw'inyobozi yo gukura urujijo mu mikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda.

## 1. Amakosa y'imivugire y'Ikinyarwanda

### 1.1. Ikoreshwa ritaboneye ry'ijambo ubwizigame

Iri jambo ubwizigame rikomeje kugaruka mu makosa akunze gukorwa mu mivugire muri iki gihe.

- Hari hasanzwe uburyo bw'ubwiteganyirize bw'izaburuku buzwi cyane nk'ubwizigame bwa pansiyo.
- EjoHeza ni ubwizigame bw'igihe kirekire,.
- yavuze ko ari ngombwa ko abaturage bagira ubwizigame.

Muri raporo y'igihembwe cya mbere twagaragaje ikosa ryo kwitiranya inshinga rikomokaho (kwizigama) n'iyo kwizigamira. Twerekanye ko kwizigama bisobanura kutivuna mu gukora imirimo ngo wimaremo ingufu, mbese nk'uwavuga ati: "Igihe cyose ugifite ibyo gukora byinshi bigutegereje ujye ukora imirimo wizigama kugira ngo uzabashe kubitunganya. Kwizigama kandi Umunyarwanda abivuga aganisha ku kutikonozamo ingingo z'ibyo uvuga, kwisama mu magambo. Ni yo mpamvu ubwizigame buganisha ku nshoza yo kudakoresha imbaraga ugira ngo utinaniza; cyangwa kutavuga menshi ugira ngo utaza kuvuga n'ibyakumvikana ukundi.

Mu gukosora izi nteruro turavuga tuti:

- Hari hasanzwe uburyo bw'ubwiteganyirize bw'izaburuku buzwi cyane nk'ubwizigamire bwa pansiyo.
- EjoHeza ni ubwizigamire bw'igihe kirekire,.
- Yavuze ko ari ngombwa ko abaturage bagira ubwizigamire.

### 1.2. Imikoreshereze itaboneye y'inshinga "guhereza".

- Kugira ngo aduhereze amakuru ajyanye n'icyaba cyaratumye inka zitabyara.
- Ubwo aduhereze nimero ze za konte azane na fagitire twamuhaye.
- Mwiriwe neza mbakurikiye ndi i Karongi mu Gisovu tubateze yombi 5/5 mukomeze muduhereze ibyacu.
- Mumuhereze indirimbo ye mureke kumugora Bruce.

Inshinga guhereza ikunze gukoreshwa n'abatari bake muri iki gihe ifite inshoza itandukanye n'ubutumwa itanga muri izi nteruro. Guhereza ubundi bivugwa iyo hari ikintu gifatika kiva mu biganza by'umwe kijya mu by'undi akacyakira. Muri rusange, iyi nshinga isobanura gufata ikintu ukakirega imbere y'umuntu kugira ngo arinde agishyikira ukigifashe cyangwa kugikura hirya ukakimwegereza kugira ngo ashobore kugishyikira. Bityo, nta muntu wahereza undi amakuru, nomero za konte azimubwira, indirimbo kuri radiyo…. Ni yo mpamvu mu gukosora interuro zatanzwe tuzagira tuti:

- Kugira ngo aduhe/ atubwire amakuru ajyanye n'icyaba cyaratumye inka zitabyara.

- Ubwo aduhe/ atubwire nimero ze za konte azane na fagitire twamuhaye.
- Mwiriwe neza mbakurikiye ndi i Karongi mu Gisovu tubateze yombi 5/5 mukomeze muduhe ibyacu.
- Mumuhe indirimbo ye mureke kumugora Bruce.

**1.3. Imivugire itaboneye y'inshoberamahanga *uge nge*.**

- Uwanyibiye amafaranga arye ndye! Nzamujyana mu rukiko.
- Yatumye mukuru wanjye ngo: "Amakosa wankoreye nutaza kuyansabira imbabazi urye ndye!"
- Ntimubona ibyo mukoreye? Murye ndye!

Iyi mvugo hari abatari bake batazi ko ari ko ivugwa. Amakosa y'imivugire agaragara mu mikoreshereze yayo ni ashingiye ku gukoresha imvugo "urye ndye". Ibi biba ari amakosa kuko uyikoresheje atyo aba yitiranyije inshinga zikomokaho. Iyi nshoberamahanga ikomoka ku nshinga kujya ari yo itanga *uge nge*, uyikoresheje akaba ashaka kubwira uwo ayibwiye ko na bwa burya bwa ryari bazabonana, ko aho yajya hose bazahura bakabonana. Naho *urye ndye* uyikoresheje aba abikomoye ku nshinga kurya, idahuye no kujya uvuga aba agomba kuganishaho. Aya makosa aba ashingiye ku kutumva neza inshoberamahanga ngo ujya kuvuga amenye inshinga nyayo bigatuma asa n'uhimbye indi nshya itabaho.

Mu gukosora iyi mivugire turavuga tuti:

- Uwanyibiye amafaranga ajye njye! Nzamujyana mu rukiko.
- Yatumye mukuru wanjye ngo: "Amakosa yawe nutaza kuyansabira imbabazi uge njye!"
- Ntimubona ibyo munkoreye? Mujye njye!

**1.4. Gukoresha imvugo itaboneye *kwiyambura ubusa*.**

- Hakwirakwijwe amashusho agaragaza umusore arimo kwambura ubusa umwana w'umukobwa.
- Yakoze agashya mu rusengero yambura abagore bose ubusa arabuhagira ababwira ko ari kubahanaguraho ibyaha.

- Umuhanzikazi Sunny yasobanuye impamvu yiyambuye ubusa imbere y'abantu.
- Kuri ubu uyu mukobwa yiyambuye ubusa ashyira amafoto ku mbuga nkoranyambaga.

Muri iki gihe harumvikana imvugo nyinshi zigarukamo amakosa y'imivugire ashingiye ku gukoresha inshoberamahanga kwambura ubusa itabaho mu Kinyarwanda. Ibi biterwa n'uko abantu bayitiranya n'inshoberamahanga isanzweho kwambara ubusa isobanura kuba uri aho imyanya igaragaza igitsina yiyanitse igaragarira buri wese cyangwa kuba nta mwenda na mba wambaye. Ishobora kandi kuba ivuga kuba umuntu nta byambarwa bihagije agira.

Naho rero kwiyambura ubusa ntibivugwa mu mvugo iboneye kuko umuntu yiyambura umwenda yaru yambaye. Muri izi ngero biragaragara ko ikivugwa ari ugukuramo umwenda umuntu yari yambaye agasigara nta cyo yambaye. Tugendeye ku gisobanuro cy'ubusa turasanga imvugo "kwambura umuntu ubusa" byaba bisobanuye ahubwo kwambika umuntu ngo ubusa bwe butagaragara. Niba ari ukumukuramo imyenda hakoreshwa *kwambika ubusa*. Iyi ni yo nshoberamahanga ibaho mu Kinyarwanda ibivuga.
Mu gukosora interuro zatanzwe turavuga tuti:

- Hakwirakwijwe amashusho agaragaza umusore arimo kwambika ubusa umwana w'umukobwa.
- Yakoze agashya mu rusengero yambika abagore bose ubusa arabuhagira ababwira ko ari kubahanaguraho ibyaha.
- Umuhanzikazi Sunny yasobanuye impamvu yiyambitse ubusa imbere y'abantu.
- Kuri ubu uyu mukobwa yiyambitse ubusa ashyira amafoto ku mbuga nkoranyambaga.

### 1.5. Gukoresha inshinga itondaguye *ndibaza/ nibaza (ko)* mu mwanya utari wo

Aya makosa ashingiye ku kwitiranya imiterere y'inshinga z'Ikinyarwanda n'imiterere y'indimi zituranye n'Ikinyarwanda usanga zikoresha inshinga zisa n'iz'Ikinyarwanda mu mwanya w'izindi cyo gikoresha.

- Ndibaza ko mwese mwakangutse.
- Numviseko mubikora ndetse ndibaza ko n'abantu babaye aba mbere nabo bari muri gahunda yo kwizigamira.
- Ndibaza muribuka ko umukobwa yashaka kuyikuramwo.

Mu mwanya w'iyi nshinga, usanga mu nteruro z'Ikinyarwanda hari indi gikoresha cyangwa ubundi buryo bwo kuvuga ubutumwa bugenderewe hadakoreshejwe inshinga "kwibaza". Mu gukosora interuro zatanzwe turavuga tuti:

- Ndakeka/ ndibwira ko mwese mwakangutse.
- Numviseko mubikora ndetse ndatekereza ko n'abantu babaye aba mbere nabo bari muri gahunda yo kwizigamira.
- Ndakeka ko mwibuka ko umukobwa yashaka kuyikuramwo.

### 1.6. Gukoresha nabi impakanyi *si*

- Ndagusabye sunteshe umutwe muri iki gitondo.
- Simubahe ku biryo by'umwana ahubwo mubanze mubatekere ibyabo.
- Badusabye gutanga andi mafaranga ariko sidushobora kubyemera.

Amakosa y'imivugire ashingiye ku gukoresha ntabi impakanyi *si* muri ngenga idakoreshwamo. Ibi bigaturuka ku gusobanukirwa nabi itondaguranshinga, umuntu ntatandukanye impakanyi ngo azikoreshe muri ngenga zikoreshwamo. Ubusanzwe iyi mpakanyi ikoreshwa muri ngenga ya mbere y'ubumwe (njye), mu zindi ngenga zisigaye hakoreshwa *nta*.

Mu gukosora interuro zatanzwe tuzavuga tuti:

- Ndagusabye ntunteshe umutwe muri iki gitondo.
- Ntimubahe ku biryo by'umwana ahubwo mubanze mubatekere ibyabo.
- Badusabye gutanga andi mafaranga ariko ntidushobora kubyemera.

### 1.7. Imikoreshereze itaboneye y'umugani mugufi.

Amakosa y'imivugire yagaragaye nanone mu mikoreshereze y'umugani mugufi tubona mu nteruro ikurikira:

- Ntuzangaye guhera uzangaye gutinda.

Mu mvugo y'uyu mugani hagaragaramo amakosa y'imivugire ashingiye ku gukoresha imvugo ihakana mu gice itari ikwiye gukoreshwamo ahubwo aho yari gukoreshwa hagakoreshwa imvugo yemeza. Ibi bigaterwa no kutita ku kivugwa ngo umuntu yumve icyo umugani uganishaho ahubwo uvuga akihutira kuvuga ibyo yumva muri we azi.

Mu buvanganzo nyarwanda nyemvugo batubwira ko umugani ari ipfundo ry'amagambo atonze neza, Gacamigani yakagiriyemo ihame ridutoza gukora iki cyangwa se kudakora kiriya. Mbese muri make umugani ni umwanzuro w'amarenga y'intekerezo. Ibyo bituma imiterere yawo idahinduka n'uburyo ucibwa bugahora bwubahirizwa kugira ngo ubutumwa utwaye buhore ari bwa bundi.

Mu gukosora iyo mvugo y'uyu mugani turavuga tuti:

- Uzangaye guhera ntuzangaye gutinda.

## 2. Amakosa y'imyandikire y'Ikinyarwanda

### 2.1. Imyandikire itaboneye y'inshinga *ni*

Imyandikire y'inshinga *ni* ikomeje kugaragara itaboneye mu nyandiko zisohoka hirya no hino ndetse no mu bitangazamakuru. Muri iyi ngingo turibanda ku myandikire yayo itaboneye yitiranywa n'ijambo *nuko* kubera ko ari ryo usanga abantu bibandaho mu mwanya wa *ni*.

- …gusa igihari nuko HEC iba yarashyize uwo munyeshuri ku ishuri runaka…
- … Amakuru akomeje kunyura benshi nuko bitarenze uku kwezi…
- Ikibabaje nuko urubyiruko rubikinisha

Mu nyandiko ya raporo y'ubushize twagarutse kuri iki kibazo ariko bigaragara ko kigikeneye kugarukwaho. Twerekanye ko ijambo *nuko* yumvikanisha igitekerezo gikomeje, ikaba idakoresha hasobanurwa uburyo cyangwa ukuntu. Uyu mumaro ni uw'inshinga ni, inakoreshwa bahamya igiteruriweho interuro.
Mu gukosora interuro zatanzwe mu ngero turavuga tuti:

- …gusa igihari ni uko HEC iba yarashyize uwo munyeshuri ku ishuri runaka…
- … Amakuru akomeje kunyura benshi ni uko bitarenze uku kwezi…
- Ikibabaje ni uko urubyiruko rubikinisha

### 2.2. Imyandikire yitiranya amagambo *none aha* n'ijambo ry'inyumane *nonaha*.

- **Nonaha** nahahurira n'ibyago!
- Bari bamaze gusukura nonaha ho muhamennye imyanda!
- Imvura yaguye ari nyinshi nonaha dutuye hacitse inkangu.

Mu myandikire y'Ikinyarwanda ya bamwe, hajya hagaragaramo amakosa ashingiye ku kwitiranya imyandikire ya *none aha* na *nonaha*. Aya makosa aterwa no kuba mu mivugire aya magambo avugwa kimwe bigatuma uwandika iyo adashishoze ngo yite ku bwoko bw'aya magambo ayitiranya. Amagambo none aha aranga ahantu igihe havugwa ikintu

kinyuranye n'ibihari cyangwa ibyari bihari, naho nonaha ni ijambo ry'inyumane rivuga igihe cy'aka kanya.

Mu gukosora interuro zatanzwe twandika:

- None aha nahahurira n'ibyago!
- Bari bamaze gusukura none aha ho muhamennye imyanda!
- Imvura yaguye ari nyinshi none aha dutuye hacitse inkangu.

### 2.3. Kwitiranya imyandikire y'icyungo *ariko* n'amagambo *ari ko*.

- Agaseke yaboshye niba ariko ushaka umuhe amafaranga.
- Muganga yavuze ko agahinda kenshi ariko kamuteye kwigunga.
- Ni nyuma yo kumenya ko akamaro kabyo ariko bagomba gushingiraho ibikorwa.

Imyandikire y'Ikinyarwanda y'inshinga ari ikurikiwe n'ijambo ko igenda igaragaramo amakosa yo kwandika  aya magambo yombi afatanye kandi atari byo. Inshinga ari yandikwa buri gihe itandukanye n'amagambo ayikurikira. Ni na yo mpamvu idafatana n'ijambo ko. Iyo bifatanye bihinduka icyungo ariko gifite umumaro utandukanye n'uw'iyi nshinga ikurikiwe na ko kandi bikaba bidahuje inshozanyito bisanganywe mu rurimi. Inshinga ari ikurikiwe na ko ivuga ikintu cyo mu nteko ya 12 bagarukaho mu magambo naho icyungo ariko kigakoreshwa mu nteruro bagaragaza ingingo ibusanye n'iyari ibanje.

Mu gukosora izi nteruro zatanzwe tuzandika dutya:

- Agaseke yaboshye niba ari ko ushaka umuhe amafaranga.
- Muganga yavuze ko agahinda kenshi ari ko kamuteye kwigunga.
- Ni nyuma yo kumenya ko akamaro kabyo ari ko bagomba gushingiraho ibikorwa.

### 2.4. Kwitiranya imyandikire y'amagambo *na ko* n'iy'inyumane *nako*.

Amagambo *na ko* agaragara yanditse mu buryo butanoze mu nyandiko zinyuranye yitiranyijwe n'inyumane *nako*.

- Uko iminsi ya #YoraKashi igenda yiyongera ni nako abanyamahirwe bakomeza kuba benshi.
- Uko Nyamagabe yari imeze mu myaka 20 ishize ni nako imeze ubu

- Uko udasa n'abandi, ni nako amahirwe yawe yihariye.
- Uko isukari irushaho guhenda ni nako umukino wa Rayon sport uhenda.

Kwitiranya imyandikire y’amagambo na ko n’iy’inyumane nako biterwa n’akamenyero ko kuba bivugwa kimwe bigatuma uwandika adahugukira kubitandukanya mu myandikire. Ubusanzwe amagambo na ko akoreshwa iyo hari ijambo ryavuzwe bagarukaho ryo mu nteko ya 12 n’iya 15, naho inyumane nako igakoreshwa mu guhindura ingingo yari yemejwe igasimburwa n’iyo binyuranye. Mu nteruro zatanzwe haragarukwa ku ngingo y’ukuntu igaragazwa n’ijambo “uko” izitangira, akaba ari yo mpamvu aya magambo atagomba gufatana.

Mu gukosora interuro zatanzwe twandika:

- Uko iminsi ya #YoraKashi igenda yiyongera ni na ko abanyamahirwe bakomeza kuba benshi.
- Uko Nyamagabe yari imeze mu myaka 20 ishize ni na ko imeze ubu
- Uko udasa n'abandi, ni na ko amahirwe yawe yihariye.
- Uko isukari irushaho guhenda ni na ko umukino w’iyo kipe uhenda.

### 2.5. Imyandikire itaboneye y’icyungo *na* gikurikiwe n’ikinyazina *aho*.

Mu makosa yagaragaye muri iki gihembwe harimo imyandikire itaboneye y’icyungo na gikurikiwe n’ikinyazina aho.

- Hari abana bitewe naho batuye mu duce dutandukanye tw'igihugu bavuga ururimi rutari Ikinyarwanda.
- Ntibaba bafite aho baba, birirwa biruka mu muhanda badafite naho batuye.
- Nanasabye inzego z'ibanze kwiga ku nkezo zijyanye naho batuye.
- Dore uko bakora inkweto z'ibitenge naho wazihahira.

Amakosa agaragara muri izi nteruro ashingiye ku kudatandukanya imyandikire y’inyumane naho n’iy’icyungo na gikurikiwe n’ikinyazina aho. Aterwa no kuba uwandika adasobanukiwe n’ubwoko bw’aya magambo cyangwa atabishyiraho umutima ngo yibuke

kuyatandukanya mu myandikire nk'uko n'ubusanzwe atandukanye mu nshozanyito. Inyumane naho ikoreshwa mu nteruro irimo igitekerezo kinyuranye n'ibyavuzwe, kerekana ko ibibanje nta cyo bishobora guhindura mu bikurikira. Na ho icyungo na gikurikiwe n'ikinyazina aho, mu Kinyarwanda byandikwa bitandukanye.
Mu gukosora interuro zatanzwe twandika:

- Hari abana bitewe n'aho batuye mu duce dutandukanye tw'igihugu bavuga ururimi rutari Ikinyarwanda.
- Ntibaba bafite aho baba, birirwa biruka mu muhanda badafite n'aho batuye.
- Nanasabye inzego z'ibanze kwiga ku nkezo zijyanye n'aho batuye.
- Dore uko bakora inkweto z'ibitenge n'aho wazihahira.

## 2.6. Amakosa yo kwitiranya amagambo *iyo aba* n'inyumane *iyaba*.

- Ababyeyi n'abavandimwe be ntibaragera iyaba.
- Iyaba nta muntu n'umwe uhazi uretse inshuti ye biganye mu mashuri yisumbuye.
- Umugore we amaze kumenya iyaba yahise ahaguruka ajya kumushaka.

Amakosa yo kwitiranya imyandikire y'inyumane iyaba n'amagambo iyo aba na yo ari mu yagaragaye mu nyandiko. Aya makosa na yo usanga aterwa no kudatandukanya ubwoko bw'aya magambo, bigatuma mu myandikire uwandika atumva ko kuyandika bigomba gutandukanya. Inyumane *iyaba* ikoreshwa havugwa ikintu cyagombye kuba kugira ngo ibyabaye bibe ukundi kwifuzwa. Na ho *iyo aba* ni amagambo akoreshwa berekana ahantu uvugwa abarizwa, aherereye.

Mu gukosora interuro zatanzwe twandika:

- Ababyeyi n'abavandimwe be ntibaragera iyo aba.
- Iyo aba nta muntu n'umwe uhazi uretse inshuti ye biganye mu mashuri yisumbuye.
- Umugore we amaze kumenya iyo aba yahise ahaguruka ajya kumushaka.

## 2.7. Imyandikire itaboneye y'ibinyazina *aha* na *ubwo* bikurikiranye.

- Ibyo bazanye mubishyire mu cyumba cy'ibintu musigaze *ahubwo* bunyobwa.

- Umutima ufite aho ubika ibyiza ntukwiye kugira *ahubwo* burakari.

Amakosa y'imyandikire y'Ikinyarwanda yagaragaye arimo ashingiye ku gufatanya ikinyazina ngenera *aha* n'ikinyazina nyereka *ubwo*. Ibi binyazina ntibifatana mu myandikire y'Ikinyarwanda. Iyo bifatanye bihinduka icyungo *ahubwo* kandi bidahuje inshozanyito. Iki cyungo gikoreshwa bagaragaza ingingo ibusanye n'iri mu bibanza, mbese basobanura igikorwa cyangwa imimerere yimukiye iyindi.

Mu gukosora interuro zatanzwe twandika:

- Ibyo bazanye mubishyire mu cyumba cy'ibintu musigaze *ah'ubwo* bunyobwa.
- Umutima ugira aho ubika ibyiza ntukwiye kugira *ah'ubwo* burakari.

**Umwanzuro**

Amakosa y'imyandikire n'ay'imivugire yagaragaye muri iki gihembwe na yo yagaragaje ko gukoresha Ikinyarwanda bikwiye gukomeza kwitabwaho bikabonezwa. Abakoresha Ikinyarwanda bagomba guhugukira kuvuga imvugo iboneye no gukurikiza amategeko agenga imyandikire yashyizweho.

Inteko y'Umuco yiyemeje gufasha Abanyarwanda, Abaturarwanda ndetse n'abanyamahanga bakoresha Ikinyarwanda bifuza kwihugura muri uru rwego. Ibyo bizanyura mu nama igira abayitabaje no mu bufatanye n'inzego zindi zishishikajwe no gusigasira Ikinyarwanda. Irashishikariza itangazamakuru gukomeza kuboneza imvugo n'inyandiko byaryo, no gufasha abarigana kwita ku rurimi mbonera.